



Umuyobozi mukuru ushinzwe imyigishirize mu mashuri abanza n'ayisumbuye Randy I. Dorn, Umuyobozi mukuru ku rwego rwa leta

Buri munyeshuri aba yiteguye kujya mu kazi, kujya muri kaminuza no kujya mu buzima busanzwe

Amahamengenderwaho mu burezi n'ibizamini bitangwa ku rwego rwa leta

Ese "amahamengenderwaho mu burezi" bisobanura iki?

Amahamengenderwaho mu burezi muri Leta ya Washington (K-12) asobanura ibyo abanyeshuri bose bagomba kuba bazi kandi bashobora gukora muri buri icyiciro cy'amashuri.

Kubera iki tuyakeneye?

Hari amahamengenderwaho mu burezi ahanye asaba ko abanyeshuri bakoresha inyurabwenge kandi bagerageza kuzana ibitekerezo bishya mu byerekeye amasomo aho gufata mu mutwe gusa, ku buryo barangizanya impamba ihagije yabafasha mu kazi, muri kaminuza n'ubuzima bajyamo iyo barangije amashuri yisumbuye.

Ese ni ayaha masomo afite amahamengenderwaho mu burezi?

- Ubuvanganzo bw'ururimi rw'icyongereza
- Imibare
- Ubumenyi
- Ubumenyi ku mibanire y'abantu
- Ubugeni
- Ikoranabuhanga mu burezi
- Ubuzima n'Igororangingo
- Ubumenyi ku bidukikije n'amajyambere arambye
- Indimi zivugwa ku isi
- Kunoza ururimi rw'icyongereza

Bishyirwaho gute?

Amahamengenderwaho mu burezi ateguranywa ubushishozi n'inzobere mu gutegura amasomo ziba ziturutse mu bice bitandukanye bigize leta no mu gihugu kandi n'abarimu, ababyeyi n'abaturage batanga umusanzu wabo.

Ese amahamengenderwaho mu burezi avugururwa inshuro zingaha?

Amahamengenderwaho avugururwa ku buryo buhoraho mu rwego rwo kugira ngo harebwe neza ko ajyanye n'ibyo kaminuza n'abakozi babyitezeho.

Ese ni iyihe mpamvu hatangwa ibizamini ku rwego rwa leta?

Amakuru y'ibyagezweho ku banyeshuri, amashuri, uturere na leta bifasha abarezi kunoza imyigishirize. Amanota y'ibizamini abafasha gufata umwanzuro ku buryo bw'imyigishirize n'imfashanyigisho bibereye abanyeshuri bikabafasha kurushaho gusobanukirwa amahame ngenderwaho mu burezi. Amanota akoresha mu kunoza imyigishirize. Ibisubizo bigaragaza aho abanyeshuri bari gutsinda ndetse n'aho bakeneye gufashwa kugira ngo bagere ku cyo icyiciro cy'amashuri barimo kibatezeho.

Amanota y'abanyeshuri aha kandi imiryango amakuru afatika agaragaza uko abana babo bitwara neza ndetse n'aho baba bakeneye gufashwa.

Ibizamini bitangwa muri leta yose ni ingenzi kubera ko bifasha kumenya neza ko abanyeshuri bose biga mu mashuri ya leta, aho baba biga hose, bahabwa uburezi bufite ireme.

Ese ni ngombwa?

Amategeko ya leta na leta zunze ubumwe asaba ko abanyeshuri bahabwa ibizamini ku:

- **Ubuvinganzo bw'ururimi rw'icyongereza n'imibare:** Mu mwaka wa 3 w'amashuri abanza no mu mwaka wa 8 w'amashuri yisumbuye
- **Ubumenyi:** Mu mwaka wa 5, mu mwaka wa 8 no mu mwaka wa 10

Kugira ngo urebe ibizamini bisabwa kugira ngo uhabwe impamyabushobozi y'amashuri yisumbuye, sura www.WAtesting.com.

Menya ibindi!

Amahamengenderwaho mu burezi

bit.ly/StateStandards
cyangwa ukohereza imeyiri kuri
CoreStandards@k12.wa.us

Menya ibindi!

Ibizamini bya leta

www.WAtesting.com
cyangwa ukohereza imeyiri kuri
StateTesting@k12.wa.us

Amahame ngenderwaho mu burezi n'ibizamini bitangwa ku rwego rwa leta

IBINTU 10 BIFATIKA BYEREKEYE AMAHAME NGENDERWAHO MU BUREZI MURI LETA YA WASHINGTON (K-12) NO GUTANGA IBIZAMINI

Impamvu
#1

Amasomo akwiye

Amahame ngenderwaho mu burezi muri leta ya Washington mu by'Ubuvanganzo bw'ururimi rw'Icyongereza n'imibare ndetse no gutanga ibizamini mu buryo bwanogejwe bishyirwaho kugira ngo bitegure abanyeshuri kujya mu mashuri makuru, mu kazi cyangwa mu buzima busanzwe.

Impamvu
#6

Biftanye isano n'uburezi mu mashuri ya kaminuza

Kaminuza za Washington, amashuri makuru n'amashuri y'abaturage akoresha amanota abanyeshuri babonye mu bizamini bitangwa mu buryo bw'ibaza bunoze mu mashuri yisumbuye kugira ngo bashyirwe mu byiciro by'amasomo.

Impamvu
#2

Ubumenyi bwifashishwa mu buzima busanzwe

Amahame ngenderwaho no gutanga ibizamini byibanda ku bumenyi bwifashishwa mu buzima busanzwe nko gukemura ibibazo, gutekereza ugamije gukemura ibibazo ndetse no kwandika. Abanyeshuri basabwa gukora ibirenze kuvivura mu kazu aho baba bahawe ibizamini bigizwe n'ibisubizo byinshi bo bagahitamo ibisubizo bikwiye. Ubu bafite amahirwe yo kwerekana ibyo bakoze, kwandika no gusobanura ibisubizo batanze nka kimwe mu bigize ibizamini bahawe.

Impamvu
#7

Abarezi

Hakoreshejwe uburyo bwo kubaza bunoze, abarimu bashobora kubona imfashanyigisho mu Isomero rikoresha ikoranabuhanga bakanakoresha ibitabo cyangwa amasomo yo mu biruhuko, ibizamini kugira ngo bibafashe mu gukurikirana no gufasha abanyeshuri kongera ubumenyi mu mwaka wose.

Impamvu
#3

Kwihuza n'ishuri

Ibizamini bihuza ubumenyi n'ibyo abanyeshuri bari kwiga no gukora mu ishuri buri muni. Buri cyiciro cy'amashuri kiba gifite intego zumvikana kandi zashyizwe imbere zisobanura ibyo abanyeshuri bagomba kumenya no gusobanukirwa mu mpera z'umwaka w'amashuri.

Impamvu
#8

Uruhare rwa mwarimu

Abarimu bo muri Washington bahawe kuri buri ntera uruhare mu gutegura uburyo bw'ibaza bunoze uhereye mu gutegura ibizamini, ukageza ku kugena urugero rw'ibyagezweho no kugenzura imfashanyigisho zigize Isomero rikoresha ikoranabuhanga.

Impamvu
#4

Kuziba icyuho

Ibizamini bifasha kumenya ahari ibyuho no gutuma amashuri y'uturere na leta bishyiraho abarimu aho bakenewe cyane kurusha ahandi.

Impamvu
#9

Amanota aboneka ku buryo bwihuse

Mu itumba rya 2016, amanota y'ibizamini ya buri munyeshuri yabonekaga mu turere mu byumweru bibiri kugeza kuri bitatu kuva aho abanyeshuri barangirije umwaka w'amashuri cyangwa se ibizamini bikorwa nyuma y'amasomo. Bifasha abarimu kunoza imyigishirize.

Impamvu
#5

Gutanga ibizamini ni imwe mu ngamba

Ibizamini bitangwa muri leta ni kimwe mu bimenyetso, bihurijwe hamwe n'indangamanota, ibitekerezo bya mwarimu n'imikoro yo mu ishuri bikoreshwa mu kugaragaza ishusho nyayo y'imyigire y'umunyeshuri ku ishuri.

Impamvu
#10

Uburyo bwo gukora ibizamini buroroshye kurushaho

Ibizamini bitegure mu buryo bunoze bigenewe gukorwa n'abanyeshuri bose, harimo abafite ubumuga n'abiga ururimi rw'icyongereza.